[Date]

Nshuti Babyeyi namwe Barezi,

Twizeye ko iyi baruwa isanze muri amahoro. Turifuza kubamenyesha ingingo y'ingenzi tuzaganiraho mu ishuri: Guha ikaze abanyeshuri bashya mu muryango wacu, hibandwa cyane kubitekerezo by'imiryango y'impunzi, kumenyereza no guha ikaze imiryango y'impunzi n'uburyo abanyeshuri bacu bo ku kigo [SCHOOL NAME] baba abanyeshuri biyumvamo ikaze ndetse bakagira n'uruhare mukubaka umuryango wacu.

Mu masomo yacu ateganyijwe mubihe birimbere kuri [DATE] , tuzasesengura ibibazo abanyeshuri bashya bakunze guhura nabyo ndetse n'akamaro ko gushyiraho uburyo bwo kubafasha buhuriweho kandi budaheza kuri bose. Twizeye ko iki kiganiro ari ingenzi mu kwimakaza impuhwe no kumvikana mubanyeshuri bacu.

Turifuza kubasezeranya ko tutazigera dusebya cyangwa ngo duheze umwana tumuziza ibyo yanyuze mo cyangwase uko ari. Intego yacu ni ugushyiraho ahantu hizewe kandi hatekanye, aho abanyeshuri bose bashobora gusangira ibitekerezo n'ibyiyumvo byabo, kandi buriwese yigira kuri mugenziwe. Twizeye ko ibi biganiro bizadufasha kumvikana, kubana neza ndetse no kubaka imikoranire ihamye mugihe turi mu ishuri.

Twizeye ko iyi ngingo ishobora kuba aringirakamaro by'umwihariko k'umwana wawe. Turagushishikariza kuganiriza umwana wawe ingingo tuzaba twiga ho, umwizeza ko ibyo. yanyuzemo ndetse n'ibyiyumvirobye tubiha agaciro kandi tukabyubaha.

Intego yacu ni uguha abanyeshuri bose ubushobozi n'imbaraga "bakirana urugwiro ababagana" - buriwese akimakaza ubugwaneza, kudaheza ndetse no kugira uruhare muribyose. Twizeye kubashishikariza gukora ibikorwa bito ariko bifite ireme bigamije guha ikaze abanyeshuri bashya ndetse nogutuma biyumvamo ikaze mu muryango wacu.

Uramutse ufite ibibazo cyangwa impungenge, cyangwa niba wifuza kuduha inyunganizi y'uko twafasha umwana wawe muri iri somo, wakihutira kutumenyesha. Duha agaciro ubufatanye bwawe mu kudufasha gushyiraho uburyo bwokwita no guha ikaze buri wese tubikoranye urugwiro n'umutima mwiza.

Tubashimiye uburyo mukomeje kudushyigikira.

Mugire amahoro,

[Your name]